

REPUBULIKA Y'U  
RWANDA



MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali

Tel: +250 252575813

E-mail: [info@meteorwanda.gov.rw](mailto:info@meteorwanda.gov.rw)

Website: [www.meteorwanda.gov.rw](http://www.meteorwanda.gov.rw)



### ITEGANYAGIHE N°51 RY'IMVURA Y'ITUMBA (WERURWE- GICURASI) 2019

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejewe no gutangariza abaturarwanda bose ko imvura y'itumba iteganyijwe izaba nyinshi mu turere twose tugize Intara y'Amajyaruguru, Umujyi wa Kigali, igice kinini cy'Intara y'Iburengerazuba ndetse no mu turere twa Ruhango, Kamonyi, Muhanga na Nyamagabe two mu Ntara y'Amajyepfo. Muri rusange, mu Ntara y'Iburasirazuba hateganyijwe imvura ihagije usibye Akarere ka Kirehe, igice cy'amajyepfo y'Akarere ka Ngoma na Bugesera hateganyijwe imvura nke. Imvura nke kandi iteganyijwe mu karere ka Gisagara ndetse n'amajyepfo y'Akarere ka Rusizi.

Muri iki gihembwe cy'Itumba 2019, ikigereranyo cy'imvura nyinshi iteganyijwe ni iri hejuru ya milimetero 510, imvura ihagije izaba iri hagati ya milimetero 390 na 510 naho imvura nke ikaba iri muni ya milimetero 390.

Dore uko imvura iteganyijwe muri buri karere :

- ❖ Uturere twa : Rubavu, Rutsiro, Karongi, Nyabihu, Ngororero, igice cya Nyamasheke gihana imbibi n'Akarere ka Karongi na Nyamagabe, igice kinini cya Nyamagabe, Akarere ka Musanze, Burera, Gakenke, Rulindo, Gicumbi, Muhanga, Kamonyi, igice kinini cy'Akarere ka Ruhango, igice kinini cy'Akarere ka Nyamagabe, Nyarugenge, Kicukiro, Gasabo, Rwamagana, igice kinini cya Gatsibo na Nyagatare bihana imbibi n'Intara y'Amajyaruguru n'amajyaruguru y'Akarere ka Bugesera hateganyijwe imvura nyinshi.
- ❖ Igice cy'Akarere ka Gatsibo na Nyagatare, Akarere ka Kayonza, igice kinini cy'Akarere ka Ngoma, igice cy'Akarere ka Bugesera, igice cy'Akarere ka Ruhango na Nyanza, Akarere ka Huye, Nyaruguru, n'igice kinini cy'Akarere ka Rusizi na Nyamasheke hateganyijwe imvura ihagije.
- ❖ Akarere ka Kirehe, amajyepfo y'Akarere ka Ngoma na Bugesera, Akarere ka Gisagara n'amajyepfo y'Akarere ka Rusizi hateganyijwe imvura nke.

## IKARITA YEREKANA ITEGANYAGIHE RY'IMVURA Y'ITUMBA 2019



### Imbonerahamwe igaragaza itangira n'icika ry'imvura y'Itumba 2019

Intara	Itangira ry'imvura y'Itumba 2019	Icika ry'imvura y' Itumba 2019
Igice kinini cy'Iburengerazuba	25 Gashyantare-07 Werurwe 2019	Icyumweru cya mbere cya Kamena 2019
Amajyepfo y'Iburengerazuba, Akarere ka Huye, Gisagara na Nyaruguru	15-25 Gashyantare 2019	Hagati y'icyumweru cya nyuma cya Gicurasi n'icyumweru cya mbere cya Kamena 2019
Amajyaruguru	25 Gashyantare-07 Werurwe 2019	Icyumweru cya mbere cya Kamena 2019
Umujyi wa Kigali	25 Gashyantare-07 Werurwe 2019	Icyumweru cya nyuma cya Gicurasi 2019
Igice kinini cy'Amajyepfo	25 Gashyantare-07 Werurwe 2019	Icyumweru cya nyuma cya Gicurasi 2019
Iburasirazuba	1-10 Werurwe 2019	Icyumweru cya nyuma cya Gicurasi 2019
Amajyepfo y'Iburasirazuba (Kirehe, igice gito cya Ngoma na Bugesera)	1-10 Werurwe 2019	Icyumweru cya kabiri cya Gicurasi 2019

**INGANO Y'IMVURA ITEGANYIJWE MW'ITUMBA 2019**

INTARA	AKARERE	INGANO YIMVURA	IMPUZANDENGO
UMUJYI WA KIGALI	NYARUGENGE	440-470	400-470
	KICUKIRO	460-470	
	GASABO	470-490	
INTARA Y'UBURASIRAZUBA	RWAMAGANA	390-410	390-460
	KAYONZA	350-390	
	GATSIBO	400-420	
	NGOMA	360-390	
	KIREHE	290-310	
	BUGESERA	290-330	
	NYAGATARE	340-370	
INTARA Y'IBURENGERAZUBA	RUBAVU	470-510	440-510
	NYABIHU	480-520	
	NGORORERO	490-500	
	KARONGI	480-510	
	RUTSIRO	510-530	
	NYAMASHEKE	460-490	
	RUSIZI	440-480	
INTARA Y'AMAJYARUGURU	RULINDO	470-500	450-530
	GAKENKE	430-470	
	GICUMBI	460-490	
	MUSANZE	500-520	
	BURERA	450-470	
INTARA Y'AMAJYEPFO	KAMONYI	420-440	410-430
	MUHANGA	410-430	
	RUHANGO	390-420	
	NYANZA	370-400	
	HUYE	390-420	
	GISAGARA	380-410	
	NYARUGURU	400-420	
	NYAMAGABE	410-430	

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) gishingiye kuri iri teganyagihe ry'imvura y'Itumba 2019, kirasaba inzego zose za Leta, Imiryango idaharanira inyungu, Imishinga itandukanye ikorera mu Rwanda, Amasosiyete y'abikorera ku giti cyabo ndetse n' Abaturarwanda bose muri rusange ko bakwiriye gushingira kuri iri teganyagihe bagafata ingamba zigamije kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, kwirinda no gukumira ibiza, kwirinda no gukumira indwara, kubungabunga ibidukikije, gufata neza imiyoboro y'amazi n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro.

Turashishikariza kandi abaturarwanda bose bakora imirimo itandukanye, iy'ubuhinzi n'ubworozi, ibikorwa remezo, ubuzima, ubucuruzi, ubushakashatsi kwegera impuguke zo mu nzego bakorana kugirango zibagire inama z'uburyo bwiza bwo gukoresha iteganyagihe ry'itumba mu mirimo yabo ya buri muni.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri numero itishyurwa 6080.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu(3) ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri muni.

Bikore we i Kigali, kuwa 18/02/2019.

**Aimable GAHIGI**  
**Umuyobozi Mukuru**

